


ICYEMEZO n° 03/2021/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI



Umunsi wa 13 w'ukwezi kwa Mutarama, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri;

Twebwe RIZIKI Madeleine, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru y'urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko kuwa 30/09/2021 Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego RP 00502/2021/TB/BWS buregamo NDAYISABA CLAUDE na NTABANGANYIMANA MATHIAS bumukuriranyeho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ry'uru RP 00502/2021/TB/BWS ryo kuwa 13/01/2022, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwareze NTABANGANYIMANA MATHIAS nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko NTABANGANYIMANA MATHIAS mwene BARIGIRA CYPRIEN na KANAKUZE ESTHER utuye mu mudugudu wa Gakoko, akagari ka Gakuta, umurenge wa Twumba, akarere ka Karongi, intara y'Iburengerazuba; muri Repubulika y'u Rwanda; akaba akurikiranywe yaratorotse ubutabera, yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa 17/02/2022, i saa mbiri za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

Dutegetse ko mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka Gakuta, umurenge wa Twumba, akarere ka Karongi.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

RIZIKI Madeleine  
PEREZIDA



MPORWIKI Jean Marie Vianney  
UMWANDITSI MUKURU